242

D. S. Culture

Ishuri ni Urwuri by'i RUBILIZI

1997

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**SERIVISI ZA MINISITIRI W' INTEBE**
**BP 1334 KIGALI**

Kigali , ku wa 20 MARS 1997

N°.214...../02.10.1

Entrée le 31 MARS 1997
N° indicateur ...1151
A traiter par ...DCA
Classement ................

**Bwana Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi**
**KIGALI.**

**Bwana Minisitiri w'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye**
**KIGALI.**

**Impamvu** : **Ishuri n'Urwuri by'i RUBILIZI**

Bwana Minisitiri,

Mpereye ku ibaruwa n° 042/02.10.1 yo ku wa 20/01/1997 nabandikiye ikaba igitegereje igisubizo cyanyu, nabasabaga ko mwangezaho mu gihe cya vuba imyanzuro y'akanama mwashyizeho ngo kige uburyo buboneye ikigo cy'amahugurwa mu by'ubworozi n'ubuvuzi bw'amatungo cy'i Rubilizi cyahindurwa Ishuri ry'Ubuhinzi n'Ubworozi,

Nabamenyeshaga ko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika aherekejwe na bamwe mu Baminisitiri ubwo bari bavuye mu nama y'Abaminisitiri yabaye ku wa 14 Werurwe 1997 basuye urwuri rwa Rubilizi n'ikigo cy'amahugurwa mu by'ubworozi n'ubuvuzi bw'amatungo cy'i Rubilizi. Biboneye byinshi bitagenda neza kandi byagombaga kuba bikora.

Kubera izo mpamvu nkaba mbasaba ko mu buryo bwihutirwa mwakoresha icyo kigo cy'amahugurwa mu by'ubworozi n'ubuvuzi bw'amatungo cy'i Rubilizi, hagashingwamo ishuri ryisumbuye mwagenera inshingano mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi.

Mboneyeho umwanya wo gusaba Bwana Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda n'Ubukorikori ko nawe yaduha uburyo bwo gukemura ku buryo bwihutirwa ikibazo Leta y'u Rwanda ifitanye na Libiya ku byerekeye sosiyeti ya SODEPARAL ibyo bihugu byombi bihuriyeho ariko by'umwihariko ikibazo cy'urwuri rwa Rubilizi n'amatungo ahafatiwe nabi.

**Petero Selesitini RWIGEMA**

**Minisitiri w' Intebe**

**Bimenyeshejwe:**
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Visi Minisitiri w' Intebe akaba na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini
- Madamu, Bwana Minisitiri (bose) **KIGALI**.